



CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA

Secrétariat Général

B.P. 357 Kigali / Rwanda

Tél. : (+250) 252 575 439

E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

UBUTUMWA ABEPISKOPI GATOLIKA BO MU RWANDA BAGENEYE ABAKRISTU KU MUNSI W'ISOZWA RY' UMWAKA UDASANZWE W'UBWIYUNGE

«*NIMUREKE IMANA IBIGARURIRE*» (2 Kor 5, 20)

INTANGIRIRO

Basaserdoti, Bihayimana, Bakristu dukunda,

1. Umwami wacu Yezu Kristu yadusigiye ubutumwa bwo kuba urumuri n'umunyu w'isi (Mt 5, 13-16). Kuva Kilizya yashingwa, ifite inshingano zo gukomeza ubwo butumwa no gushishikarira kugeza ku bantu bose imbuto z'urukundo ari zo: ubwiyunge, amahoro n'ubutabera (1 Kor 13, 4-7). Ikoreshohe Ijambo ry'Imana yamamaza n'amasakaramentu itanga, ibereyeho kunga abantu n'Imana bityo bagashobora kwiyunga n'imitima yabo no kwiyunga hagati yabo.
2. Imyaka itatu irashize twe Abashumba banyu twihaye umugambi wa buri mwaka mu ikenurabushyo rusange. Umwaka wa mbere wa 2016 wabaye umwaka w'Impuhwe; umwaka wa kabiri wa 2017 uw'Ubusaseridoti; naho uwa gatatu wa 2018 uba umwaka udasanzwe w'Ubwiyunge.

IGICE CYA 1: UBWIYUNGE NI IBANGA RY'UBUZIMA, ITUZE N'AMAHORO

Basaserdoti, Bihayimana, Bakristu Bavandimwe,

3. Igihe tubararikiye kwinjira muri gahunda y'ikenurabushyo y'urugendo rw'ubwiyunge mu mwaka wa 2018, twahereye ku ngaruka z'amateka akomeye y'Ighugu cyacu yaranzwe na jenoside yakorewe abatutsi muri 1994, tugamije kandi kugera ku bwiyunge nk'ibanga rikomeye ry'ubuzima buri muntu wese akeneye, ritanga ituze n'amahoro birambye.
4. Nk'uko twabivuze mu ibaruwa yacu itangiza uyu mwaka udasanzwe, ubwiyunge ni "inzira ndende isaba igihe, ubushishozi n'ubusabaniramana". Ni urugendo rw'ubuzima bwose, rudufasha kunoza umubano wacu twiyunga n'Imana, twiyunga natwe ubwacu, twiyunga na bagenzi bacu ndetse n'ibidukikije. Umuntu ubashije kwinjira muri iryo banga ry'ubwiyunge, aba yinjiye by'ukuri mu ibanga ry'ubuzima, bityo akagira ituze n'amahoro birambye.

5. Iyo dusomye Ibyanditswe Bitagatifu, dusangamo ko kuva mu ntangiriro, umugambi w'Imana wari uwo kurema mwene muntu, ikamuha ubuzima bwuje ituze n'amahoro. Ibyo kugira ngo biggerweho, Imana yeretse muntu ko inzira yo kugera kuri iringa banga ari ukuyoboka inzira y'ubwiyunge, akamenya kwiyunga na Yo igihe acumuye, kwiyunga na we ubwe, kwiyakira no kwakira amateka ye, kwiyunga n'abandi, no kubana neza n'ibindi biremwa Imana yamushyize iruhande. Umuntu wemeye kwinjira muri iyo gahunda aba yemeye ko Imana ubwayo imwigarurira.
6. Mu Isezerano rya Kera, igihe Adamu na Eva bacumuye, Imana yabashishikarije inzira yo kwicuza no kwiyunga, kugira ngo basubirane ubumwe bari bafite mu ntangiriro. Igihe umuryango wa Israheli wari mu rugendo ugana igihugu cy'isezerano, Imana yifashishije Musa, Abacamanza, Abami n'Abahanuzi, kugira ngo umenye inzira y'isezerano n'ubuzima bw'ituze n'amahoro, ari yo kunga ubumwe n'Imana no kunga ubumwe ubwabo. Koko rero, uko umuryango w'Imana wayigarukiraga niko wagiraga amahoro n'ituze.
7. Mu Isezerano Rishya, ari mu Ivanjili no mu zindi nyandiko, naho hagarukwa cyane ku nyigisho z'ubwiyunge nk'ibanga ry'ubuzima n'inzira iganisha ku ituze n'amahoro. Mbere yo gutandukana n'abigishwa be, Yezu yabasabiye kuba umwe nk'uko We na Se ari umwe (Yoh 17,21). Yabashishikarije urukundo agira ati: "Nimukundane kandi mukundane nk'uko nanje nabakunze "(Yoh 13, 34). Urukundo na rwo ni imbuto yera ku bwiyunge. Pawulo Mutagatifu na we agaruka kenshi ku bwiyunge nk'ibanga ry'ubuzima n'ituze bigomba kuranga abana b'Imana, abashishikariza kwirinda amakimbirane, kurangwa n'ubumwe bushingiye kuri Kristu (Reba Ef 4,1-6).
8. Duhereye ku Byanditswe Bitagatifu, dusanga inyigisho za Yezu ndetse n'iz'Intumwa ze, zihuriza ku nzira y'ubwiyunge nk'ibanga ryubakiyeho ubuzima bwa muntu muri rusange, n'ubw'umukristu by'umwihariko. Uwemeye kunyura muri iyo nzira y'ubwiyunge n'Imana, y'ubwiyunge na we ubwe, na mugenzi we ndetse n'ibidukikije Imana yaremye, uwo amenya inzira nyakuri y'ibanga ry'ubuzima bw'ituze n'amahoro. Iyo nzira rero y'ubwiyunge, ni yo twiyemeje kugana by'umwihariko nka Kiliziya Gatolika mu Rwanda muri uyu Mwaka Udasanzwe w'Ubwiyunge turi gusoza.

IGICE CYA 2: URUGENDO RW'UBWIYUNGE MU RWANDA

Basaserdoti, Bihayimana, Bakristu,

9. Abanyarwanda twagize amahirwe adasanzwe yo kuba twaramenyе Ivanjiri, kuko yatubereye inzira idufasha kwinjira mu ibanga ry'ubwiyunge buri wese yari akeneye nyuma y'amateka twanyuzemo ya jenoside n'intambara. Buri gihe, urugendo rw'ubwiyunge rutangirana no kumva ko urukundo rw'Imana n'urwa mugenzi wacu rwabangamiwe.

10. Iyi myaka itatu turangije yabanjirijwe n'izindi gahunda z'ikenurabushyo twagiye twiha, dufasha abakristu by'umwihariko n'abanyarwanda muri rusange kuzirikana ku bwiyunge duhereye ku mateka y'ivangura, amacakubiri, intambara na Jenoside yakorewe abatutsi mu gihugu cyacu. Muribuka ko mu kwizihiza Yubile y'imyaka 2000 isi yari imaze imenye Kristu, n'imyaka 100 Abanyarwanda bari bamaze bakiriye Ivanjili, Kiliziya Gatolika mu Rwanda yiyemeje gukora Sinodi idasanzwe. Impamvu nyamukuru yari ikibazo cy'amacakubiri y'Abanyarwanda, ashingiye ku mateka y'Igihugu cyacu. Mu myanzuro yayo, Kiliziya yatweretse inadushishikariza inzira y'ubwiyunge nk'igisubizo kirambye cy'imibanire yacu.
11. Nyuma ya sinodi, hakurikiyeho gahunda z'ikenurabushyo zishingiye ku myanzuro yayo n'ibibazo byagiye bigaragara mu bakristu. Izo gahunda zaganishaga ku gufasha abanyarwanda muri rusange, n'abakristu by'umwihariko, gushimangira ihame ry'ubwiyunge mu mibanire yabo. Ibyo byagaragariye mu cyegeranyo cyakozwe na Komisiyo y'Inama y'Abepiskopi ishinzwe Ubutabera n'Amahoro, cyashyizwe ahagaragara mu kwezi kwa Mata 2014, ubwo hibukwaga mu Rwanda ku nshuro ya 20 jenoside yakorewe abatutsi¹.¹
12. Gahunda y'imyaka itatu dushoje, yaje igamije gushimangira no kurushaho kunoza ibyavuye muri Sinodi zo mu mwaka wa 2000, cyane cyane ihame ry'ubwiyunge mu mibanire yacu nk'Abanyarwanda.
13. Mu mwaka wa mbere w'Impuhwe (2016), twazirikanye ibanga ry'impuhwe z'Imana², ari zo soko y'ubwiyunge nyabwo: "Mube abanyampuhwe nk'uko So wo mu ijuru ari umunyampuhwe" (Lk 6,36). Twazirikanye kandi ko ubwiyunge nyabwo bugomba gushingira ku mpuhwe no kumenya kubarira, nk'uko Imana Data ibabarira ititaye ku buhemu bwacu.
14. Mu mwaka wa kabiri (2017, twishimiye impano y'ubusaseridoti Imana yahaye Kiliziya mu Rwanda. Twazirikanye ko umusaseredoti agomba kuba umuhamya wa Kristu Umushumba Mwiza³ kandi akaba umugabuzi w'Impuhwe z'Imana.
15. Uyu mwaka wa gatatu (2018), buri Diyosezi yagize gahunda zihariye z'ikenurabushyo zigamije gufasha abakristu mu byiciro byabo kuzirikana ibanga ry'ubwiyunge mu buzima bwa buri munsi. Iyo gahunda yageze ku ngo z'abashakanye, Imiryango-remezo, Imiryango y'Agisiyo Gatolika, Abapadiri, Abihayimana, n'andi matsinda anyuranye. Aha turashimira muri rusange abitabiriye, n'uruhare buri wese yagize afasha abandi kwivugurura mu nzira y'ubwiyunge,

¹ Reba CEPR Commission Episcopale Justice et Paix, La contribution de l'Eglise Catholique dans le processus d'unité et reconciliation à travers sa Commission Justice et paix. Etude bilan 20 ans après le génocide, Avril 2014

² Reba Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda, "Tube abahamya n'abagabuzi b'Impuhwe z'Imana". Ubutumwa bw'umwaka w'Impuhwe Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda bageza ku bakristu, Kigali kuwa 23 Kamena 2016.

³ Reba Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda, Umusaseredoti Umuhamya wa Yezu Kristu, Umushumba mwiza. Ubutumwa bw'Abepiskopi Gatolika busoza yubile y'imyaka 100 y'ubusaseridoti mu Rwanda, Kigali kuwa 08 Nzeri 2017

bushingiye kuri za nkingi enye, ari zo: kwiyunga n'Imana, kwiyunga na twe ubwacu, kwiyunga na bagenzi bacu, ndetse no kwiyunga n'ibidukikije.

16. Nk'uko twabizirikanye, ubwiyunge ni inzira ndende kandi ya buri munsi. Nubwo twishimira intera Abanyarwanda tumaze kugeraho nyuma ya jenoside yakorewe abatutsi muri 1994, ntitwakwirengagiza ko hakiri na none byinshi bikenewe gukorwa kugira ngo tugere ku bwiyunge bwuzuye.

IGICE CYA 3: IBIKWIYE KWIBANDWAHO KUGIRA NGO TUGERE KU BWIYUNGE BWUZUYE

17. N'ubwo bigaragara ko hari intambwe yatewe mu rugendo rw'ubwiyunge, haracyari ibibazo bibubangamiye muri iki gihe. Muri ibyo twavugamo: ibibazo by'amakimbirane mu miryango n'ingo z'abashakanye, ikibazo cy'ubwiyunge hagati y'abakorewe jenoside n'abayibakoze cyangwa babahemukiye, ibibazo by'akarengane bishingiye ku guhuguzanya imitungo bigenda bigaragarira mu manza z'urudaca zitera umwiryane mu baturanyi n'ibindi. Hakwiye rero guterwa intambwe zo gukemura ibyo bibazo bibangamiye ubwiyunge bw'Abanyarwanda.

18. Ubwiyunge nyabwo rero ni inzira dukeneye kumva neza, kandi buri mukristu akazirikana ko ari urugendo rw'ubuzima bwose. Urwo rugendo rujyana n'isengesho ridufasha kugarukira Imana no kwiyemeza guhinduka, nk'uko Umubyeyi Bikira Mariya, Nyina wa Jambo, Umwamikazi wa Kibeho atahwemye kubidushishikariza igihe adusuye hano iwacu mu Rwanda.

UMWANZURO

Basaserdoti, Bihayimana, Bakristu Bavandimwe,

19. Dushoje umwaka udasanzwe w'ubwiyunge, ariko inzira yabwo iracyakomeza. Ni ngombwa kureka Imana ikatwigarurira. Ibyiza watugejejeho tuzabikomeza. Tuzakomeza isengesho ryo gusaba amahoro no kungurana ibitekerezo bidufasha gukomeza gutera intambwe mu bwiyunge. Turagije Umubyeyi Bikira Mariya, Nyina wa Jambo, imbuto nziza z'ubwiyunge zeze muri uyu mwaka dushoje.

Tubahaye mwese umugisha wa gishumba.

Bikorewe i Kigali, ku wa 17 Ugushyingo 2018

Abepiskopi banyu:

+ Filipo RUKAMBA,
Perezida w'Inama y'Abepisikopi Gatolika
Umushumba wa Diyosezi ya Butare

+ *Rukamba*

+ Tadeyo NTIHINYURWA,
Umushumba w'Arkidiyosezi ya Kigali

Tadeyo Ntihinyurwa

+ Serviliyani NZAKAMWITA,
Umushumba wa Diyosezi ya Byumba

Serviliyani Nzakamwita

+ Simaragde MBONYINTEGE,
Umushumba wa Diyosezi ya Kabgayi

Simaragde Mbonyintegé

+ Visenti HAROLIMANA,
Umushumba wa Diyosezi ya Ruhengeri

Visenti Harolimana

+ Antoni KAMBANDA,
Umushumba wa Diyosezi ya Kibungo

Antoni Kambanda

+ Selestini HAKIZIMANA,
Umushumba wa Diyosezi ya Gikongoro
Akaba n'umuyobozi wa Diyosezi ya Cyangungu

Selestini Hakizimana

+ Anakeleti MWUMVANEZA
Umushumba wa diyosezi ya Nyundo

Anakeleti Mwumvaneza